# IBIBAZO N'IBISUBIZO BIJYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA N'ISHYIRWA MU MYANYA RY'ABANYESHURI MU MWAKA WA MBERE N'UWA KANE W'AMASHURI YISUMBUYE (2025-2026)

## 1.Umunyeshuri abigenza ate kugira ngo amenye amanota ye n'ikigo yoherejwemo?

Umunyeshuri wakoze ibizamini bya Leta amenya amanota ye, n'ikigo yoherejwe kwigamo bikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga bukurikira:

Hakoreshwa urubuga rwa SDMS, mu buryo bubiri:

- abarangije amashuri abanza (P6) banyura hano: https://primary.sdms.gov.rw/
- abarangije icyiciro cya mbere c'amashuri yisumbuye (S3) banyura hano: https://secondary.sdms.gov.rw/

Iyo umunyeshuri amaze kwinjiramo, ashyiramo nomero imuranga (index number), agakanda ahanditse "Get My Results", agahita abona amanota ye n'ikigo yoherejwe kwigamo. Ahagana hasi, areba ahanditse "Download Confirmation of Results", akabona icyangombwa gisinye kiriho amanota ye.

## 2. Amanota abakandida babonye mu bizamini bya leta abarwa ate?

Guhera mu mwaka wa 2025, amanota y'umunyeshuri yagize abarwa kandi agatangazwa ku ijana muri buri somo mu byiciro byose. Umukandida wakoze ibizamini bya Leta bisoza icyiciro cy'amashuri abanza ndetse n'icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye aba yatsinze iyo abonye nibura amanota mirongo itanu ku ijana (50%) mu bizamini bya Leta.

Abarangije amashuri abanza n'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye (P6, S3), kugira ngo umunyeshuri amenye amanota yose yagize, ateranya agaciro k'amanota yagize ku ijana muri buri somo akagabanya n'umubare w'amasomo akorwa mu kizamini cya Leta mu cyiciro yakozemo. Amashuri abanza, ugabanya gatanu (5) naho icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye ugabanya icyenda (9).

## IBIBAZO N'IBISUBIZO BIJYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA N'ISHYIRWA MU MYANYA RY'ABANYESHURI MU MWAKA WA MBERE N'UWA KANE W'AMASHURI YISUMBUYE (2025-2026)

### 3. Ni ubuhe buryo bukurikizwa mu gushyira abanyeshuri mu myanya ?

Abanyeshuri bashyirwa mu myanya hakurikijwe intambwe zikurikira :

**a.** Abayobozi b'ibigo by'amashuri basaba abanyeshuri binyuze muri sisitemu y'ikoranabuhanga (SDMS).
**b.** Abanyeshuri batsinze bashyirwa mu myanya abayobozi b'ibigo bagaragaje.
**c.** Gutangariza abanyeshuri ibigo boherejwemo.
**d.** Kwakira no gusubiza ubujurire bw'abanyeshuri.

### 4. Ni nde ufite inshingano yo gushyira abanyeshuri mu myanya?

- NESA ni yo yonyine ifite inshingano n'ububasha byo gushyira abanyeshuri mu myanya mu mwaka wa mbere (S1) n'uwa kane (S4/L3/Y1).
- Inshingano y'umuyobozi w'ishuri ni ukwakira abanyeshuri yahawe na NESA, agaragaza muri sisitemu ko abo banyeshuri yahawe baje buri munsi (attendance in SDMS) uko bakiriye umunyeshuri kugeza ku itariki ntarengwa yo kubakira iba yatanzwe na NESA.

**Icyitonderwa:** Umuyobozi w'ishuri ushyira umunyeshuri mu mwanya, atabiherewe uburenganzira na NESA mu nyandiko, aba akoze ikosa kandi arahanwa: Ingingo ya 128 y' Itegeko nº 010/2021 ryo ku wa 16/02/2021 rigena imitunganyirize y'uburezi, igika cya 2 kivuga ko Umuyobozi w'ishuiri utangiza inyigisho nshya atabyemerewe, uwigisha integanyanyigisho atemerewe cyangwa uwakira umunyeshuri utujuje ibyangombwa bisabwa ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'U Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500,000Frw) ariko atarenze miliyoni imwe (1000,000 Frw) kandi igikorwa yakoze kigahagarikwa.

### 5. Ni abahe banyeshuri bahabwa imyanya n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibizamini n'ubugenzuzi bw'amashuri (NESA)?

Nkuko amabwiriza agenga ibizamini bya Leta abigena, NESA ishyira mu myanya gusa abanyeshuri batsinze ibizamini bya Leta bisoza icyiciro cy'amashuri abanza (P6) bajya mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye (S1) ndetse n'abatsinze ibizamini bya Leta bisoza icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye(S3) bajya mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye y'inyigisho rusange n'ay'imyuga n'ubumenyingiro (S4, Y1 and L3).

### 6. Umunyeshuri utabasha kugerera ku ishuri ku gihe yabigenza ate?

Abanyeshuri bose basabwa kugera ku ishuri hakurikijwe ingengabihe yatanzwe. Mu gihe umubyeyi abona ko umwana azajya ku ishuri akererewe kubera impamvu yumvikana, amenyesha umuyobozi w'ishuri umwana azajya kwigaho akamumenyesha impamvu izatuma umwana akererwa kandi bagahana igihe azaba yagereye ku ishuri.

## IBIBAZO N'IBISUBIZO BIJYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA N'ISHYIRWA MU MYANYA RY'ABANYESHURI MU MWAKA WA MBERE N'UWA KANE W'AMASHURI YISUMBUYE (2025-2026)

**Icyitonderwa: Ubuyobozi bw'ishuri busabwa kugaragaza ubwitabire bw'abanyeshuri bose bakiriye bitarenze kuwa kane, tariki 11/09/2025 no kugaragaza muri sisitemu (SDMS) abatazaza ku ishuri amaze kuvugana n'ababyeyi bakemeza ko uwo munyeshuri atazaza koko.**

### 7.Gushyira abanyeshuri mu myanya mu bigo by'amashuri hakurikizwa iki?

**Nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri agenga ibizamini bya Leta, ibishingirwaho mu gushyira abanyeshuri mu myanya ni ibi bikurikira:**

**a. Amahitamo y'abanyeshuri bakoze mu gihe cyo kwiyandikishiriza gukora ibizamini bya Leta.**
**b. Amanota abanyeshuri bagize mu bizamini bya Leta.**
**c. Imyanya iri mu mashuri.**

### 8. Ko impuzamasomo (combinations) zahindutse "learning pathways" mu mashuri yisumbuye, abakandida basabye impuzamasomo bashyizwe mu myanya bate?

**Mbere yo gushyira abakandida mu myanya, habanje guhuza ibyo basabye kwiga (impuzamasomo) na "learning pathways". Impuzamasomo zikaba zarahindutse muri ubu buryo:**

- **MCB, PCB, PCM: Mathematics and Science Stream 1 (MS1)**
- **MEG, MCE, MPC, MPG: Mathematics and Science Stream 2 (MS2)**
- **HGL and HLP:Arts and Humanities**
- **LFK: Languages**

Bivuze ko uwari wasabye kwiga MCB, niba yujuje ibisabwa yahawe kwiga MS1, naho MCE ahabwa MS2.

### 9.Ni gute abanyeshuri bashyirwa mu myanya?

Mbere y'uko abanyeshuri bashyirwa mu myanya habanza gukorwa ibi bikurikira hifashishijwe sisitemu ya SDMS:

1. Gutondeka abakandida bose hakurikije amanota babonye ku ijana uhereye ku mukandida wagize amanota menshi.
2. Kubatondeka hakurikizwa igiteranyo cy'amanota buri wese yagize mu bizamini byose byakozwe (raw marks).

## IBIBAZO N'IBISUBIZO BIJYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA N'ISHYIRWA MU MYANYA RY'ABANYESHURI MU MWAKA WA MBERE N'UWA KANE W'AMASHURI YISUMBUYE (2025-2026)

### 9.1. Gushyira abanyeshuri mu myanya umwaka wa mbere w'icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye.

**A. Abajya mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye mu mashuri acumbikira abanyeshuri (Boarding schools):**

- **Intambwe ya 1:** Abanyeshuri bashyirwa mu mashuri bihitiyemo hashingiwe ku manota bagize. Umunyeshuri wagize amanota menshi niwe ubanziriza abandi gushyirwa mu ishuri yahisemo, hakurikijwe uko yashyize amashuri ku rutonde (choice order).
- **Intambwe ya 2:** Abanyeshuri basigaye batabashije kubona imyanya mu mashuri bihitiyemo bashyirwa mu mashuri agifite imyanya mu karere batuyemo.
- **Intambwe ya 3:** Abanyeshuri basigaye batabonye imyanya mu karere batuyemo bashyirwa mu mashuri agifite imyanya mu turere duhana imbibi n'aho batuye.
- **Intambwe ya 4:** Abanyeshuri batabonye imyanya mu mashuri yo mu turere duhana imbibi n'aho batuye bashyirwa mu mashuri agifite imyanya mu ntara batuyemo.
- **Intambwe ya 5:** Abanyeshuri basigaye batabonye imyanya mu mashuri yo mu ntara batuyemo bashyirwa mu mashuri agifite imyanya hirya no hino mu gihugu.

**Icyitonderwa:** Iyo imyanya isigaye ari mike kandi hakaba hari abanyeshuri benshi bafite amanota angana n'amahitamo amwe, hashyirwa mu myanya abanyeshuri bangana n'imyanya isigaye nta gishingiweho (Randomly).

- **Intambwe ya 6:** Iyo imyanya yo mu mashuri acumbikira abanyeshuri (boarding schools) irangiye, abanyeshuri batsinze basigaye bashyirwa mu mashuri biga bataha hashingiwe ku mahitamo yabo, amanota n'aho batuye (umurenge n'akagali).

**B. Abajya mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye mu mashuri biga bataha.**

Abanyeshuri basigaye batsinze ariko batabonye imyanya mu mashuri bigamo bacumbikirwa, bahabwa imyanya mu mashuri abegereye bigamo bataha (day schools). Umukandida ashyirwa mu ishuri yahisemo hashingiwe ku manota yagize, iyo atabonye umwanya aho yahisemo ahabwa umwanya mu kagali atuyemo, iyo atabonye umwanya mu kagali atuyemo, ahabwa umwanya mu kandi kagali, ariko mu murenge atuyemo. Iyo nta shuri ryisumbuye riri mu murenge atuyemo, ashyirwa ku ishuri riri mu wundi murenge wegeranye n'ishuri yigagamo.

### 9.2. Gushyira mu myanya abanyeshuri mu mwaka wa 4 w'amashuri yisumbuye acumbikira abanyeshuri:

- **Intambwe ya 1:** Abanyeshuri bashyirwa mu mashuri n'amashami (learning pathways) bijyanye n'amahitamo yabo y'impuzamasomo bakoze igihe biyandikishaga, hashingiwe ku manota bagize. Umunyeshuri wagize amanota menshi ni we ubanza gushyirwa mu ishuri n'ishami bijyanye n'amahitamo ye, hubahirizwa urutonde rw'amahitamo (choice order).

- **Intambwe ya 2:** Abanyeshuri batabonye imyanya mu mashuri n'amashami bijyanye n'amahitamo yabo bashyirwa mu mashuri afite amashami bahisemo mu karere batuyemo.
- **Intambwe ya 3:** Abanyeshuri basigaye bashyirwa mu mashuri afite amashami bahisemo mu turere duhana imbibi n'uturere batuyemo.
- **Intambwe ya 4:** Abanyeshuri batabonye imyanya mu mashuri yo mu turere duhana imbibi bashyirwa mu mashuri afite amashami bahisemo mu ntara batuyemo.
- **Intambwe ya 5:** Abanyeshuri batabonye imyanya mu mashuri yo mu ntara batuyemo bashyirwa mu mashuri afite amashami bahisemo hirya no hino mu gihugu.
- **Intambwe ya 6:** Abanyeshuri batabonye imyanya mu mashuri n'amashami bahisemo, bashyirwa mu mashuri n'amashami arimo imyanya mu Karere batuyemo.
- **Intambwe ya 7:** Abanyeshuri batabonye imyanya mu mashuri yo mu karere batuyemo bashyirwa mu mashuri n'amashami ayo ariyo yose mu turere duhana imbibi n'uturere batuyemo.
- **Intambwe ya 8:** Abanyeshuri batabonye imyanya mu turere duhana imbibi n'akarere batuyemo bashyirwa mu mashuri afite imyanya mu ntara batuyemo.
- **Intambwe ya 9:** Abanyeshuri batabonye imyanya mu ntara batuyemo bashyirwa mu mashuri n'amashami afite imyanya hirya no hino mu gihugu.

**Icyitonderwa:** Iyo imyanya isigaye ari mike kandi hakaba hari abanyeshuri benshi bafite amanota angana n'amahitamo amwe, hashyirwa mu myanya abanyeshuri bangana n'imyanya isigaye nta gishingiweho (Randomly).

- **Intambwe ya 10:** Abanyeshuri batsinze ariko batabonye imyanya mu mashuri abacumbikira (boarding schools) bashyirwa mu mashuri yigisha badacumbikirwamo (day schools) bihitiyemo, ku buryo babasha kwiga bataha iwabo.

### 9.3. Gushyira mu myanya abanyeshuri mu mwaka wa 4 mu ishuri rya Rwanda Coding Academy (RCA)

info@nesa.gov.rw | Toll free: 9070 | www.nesa.gov.rw

Kugira ngo umunyeshuri yemererwe kwiga muri Rwanda Coding Academy (RCA), agomba kuba yujuje ibi bikurikira hashingiwe ku manota y'ikizamini gisoza icyiciro rusange cy' amashuri yisumbuye (O-Level National Examinations):

**a.** Umunyeshuri agomba kuba yarahisemo RCA bwa mbere (first choice a, b) igihe yiyandikishaga gukora ibizamini bisoza icyiciro rusange.
**b.** Umunyeshuri agomba kuba yaragize nibura 80% mu masomo y'Imibare (Mathematics), Ubugenge (Physics) n'Icyongereza (English).
**c.** Umunyeshuri agomba kuba ari we ufite amanota rusange (overall percentage) menshi kurusha abandi bahisemo kwiga muri RCA.

### 9.4. Gushyira mu myanya abanyeshuri mu mwaka wa 4 mu ishami ry'Ubuforomo (ANP)

Kugira ngo umunyeshuri yemererwe kwiga mu cyiciro cya Associate Nursing Program (ANP), agomba kuba yujuje ibi bikurikira hashingiwe ku manota y'ikizamini gisoza icyiciro rusange (O-Level National Examinations):
**a.** Umunyeshuri agomba kuba yarahisemo ANP ku mahitamo ye ya mbere (first choice a, b) igihe yiyandikishaga gukora ibizamini bisoza icyiciro rusange.
**b.** Umunyeshuri agomba kuba yaragize amanota rusange (overall percentage) nibura 65%.
**c.**Umunyeshuri agomba kuba yaragize nibura amanota 60% mu masomo y'ingenzi arimo: Biology, Chemistry, Physics, English.

### 9.5. Gushyira mu myanya abanyeshuri mu mwaka wa 4 mu ishuri nderabarezi (Y1,TTC)

Kugira ngo umunyeshuri yemererwe kwiga mu ishuri nderabarezi (TTC), agomba kuba yujuje ibi bikurikira hashingiwe ku manota y'ikizamini gisoza icyiciro rusange (O-Level National Examinations):

**a.** Umunyeshuri agomba kuba yarahisemo TTC mu mahitamo ye (choices) ubwo yiyandikishaga gukora ibizamini bya Leta bisoza icyiciro rusange.
**b.** Abifuza gukomeza amasomo yabo mu mashami ya SME, LE, SSE, na ECLPE bagomba kuba baragize nibura:
- Impuzandengo y'amanota (average percentage) ya 55% mu kizamini cya Leta.
- Impuzandengo ya 50% mu masomo y'ingenzi y'iryo shami.

**Amasomo y'ingenzi muri buri shami rya TTC ni aya akurikira:**

1. SME: Imibare, Ubugenge, Ibinyabuzima, Ubutabire n'Icyongereza (Mathematics, Physics, Biology, Chemistry and English)
2. LE: Icyongereza n'Ikinyarwanda (English and Kinyarwanda).
3. SSE: Amateka, Ubumenyi bw'isi,Ubushabitsi, n'Icyongereza.(History, Geography, Entrepreneurship and English).
4. ECLPE: Imibare, Ubugenge, Ibinyabuzima, Icyongereza, Ikinyarwanda, Amateka, Ubumenyi bw'isi n'Ubushabitsi (Mathematics, Physics, Biology, English, Kinyarwanda, History, Geography & Entrepreneurship).

**Icyitonderwa:** Umunyeshuri wahisemo SME ariko ntabone umwanya mu ishuri yahisemo, ashyirwa muri ECLPE igihe cyose yujuje ibyangombwa byo gushyirwa muri SME.

### 9.6. Ishyirwa mu myanya mu cyiciro cy'Ibaruramari (Accounting Program)

Kugira ngo umunyeshuri yemererwe kwiga mu cyiciro cy'Ibaruramari (Accounting Program), agomba kuba yujuje ibi bikurikira:
a. Kuba yarashyize Accounting mu mahitamo ye (choices) igihe yiyandikishaga gukora ibizamini bya Leta bisoza icyiciro rusange.
b. Kuba yaragize amanota rusange nibura ya 50%.
c. Kuba yaragize nibura amanota 50% mu masomo y'ingenzi agize icyo cyiciro ariyo: Imibare (Mathematics), Ubushabitsi (Entrepreneurship), n'Icyongereza (English).

### 9.7. Ishyirwa mu byiciro byose by'ubumenyi rusange (General Education Learning Pathways)

Kugira ngo umunyeshuri yemererwe kwiga muri kimwe mu byiciro bigize Ubumenyi rusange (General Education Learning Pathways) birimo Mathematics and Science stream 1 & 2, Languages, Arts and Humanities, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:
a. Kuba yaragize impuzandengo rusange ya 50%.
b. Kuba yaragize impuzandengo y'amanota ya 50% mu masomo y'ingenzi mu ishami yahisemo, nk'uko bigaragara hano hasi:

1. **Mathematics and Science stream 1:** Ubugenge (Physics), Ubutabire (Chemistry), Ibinyabuzima (Biology), Imibare (Mathematics).
2. **Mathematics and Science stream 2:** Ubugenge (Physics), Imibare (Mathematics), Ubumenyi bw'isi (Geography).
3. **Arts and Humanities:** Amateka (History), Icyongereza (English), Ubumenyi bw'isi (Geography).
4. **Languages:** Icyongereza (English) n'Ikinyarwanda.

### 9.8. Gushyira mu myanya abanyeshuri mu mwaka wa 4 muri tekiniki, imyuga n'ubumenyingiro (L3, TSS)

Kugira ngo umunyeshuri yemererwe kwigamuri rimwe mu mashami ya tekiniki n'ubumenyangiro agomba kuba yagize impuzandengo rusange nibura y'amanota 50%.

### 9.9. Gushyira mu myanya abanyeshuri mu mwaka wa 4 w'amashuri yisumbuye biga bataha:

Abanyeshuri basigaye batsinze ariko batabonye imyanya mu mashuri bigamo bacumbikirwa, bashakirwa imyanya mu mashuri abegereye bigamo bataha hakurikijwe amahitamo y'abo, amanota bagize ndetse n'aho batuye (akagali, umurenge).

## IBIBAZO N'IBISUBIZO BIJYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA N'ISHYIRWA MU MYANYA RY'ABANYESHURI MU MWAKA WA MBERE N'UWA KANE W'AMASHURI YISUMBUYE (2025-2026)

**10. Ese umunyeshuri wakurikiye integanyanyigisho yo mu mahanga ashobora gushyirwa mu mwanya n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibizamini n'Ubugenzuzi bw'amashuri (NESA)?**

Yego. NESA ishobora gushyira mu mwanya umunyeshuri wakurikiye integanyanyigisho yo mu mahanga igihe abisabye. Kugira ngo bishoboke, agomba gusaba icyemezo cy'igereranya ry'amanota (equivalence) abicishije ku rubuga rwa https://www.irembo.gov.rw/ hanyuma agasaba guhabwa umwanya mu ishuri rikurikiza integanyanyigisho y'u Rwanda abicishije kuri website ya NESA ari yo www.nesa.gov.rw ukanyura ahanditse services, ukagana kuri "re-integration of students from abroad", ubusabe bwe bugasuzumwa agasubizwa binyuze kuri email yanditse mu busabe bwe.

**11. Ese umunyeshuri watsinze umwaka ushize ariko akabura ubushobozi bwo kujya ku ishuri yahawe ashobora kongera guhabwa amahirwe?**

Umunyeshuri ufite iki kibazo asaba guhabwa ishuri abicishije kuri website ya NESA ari yo www.nesa.gov.rw akanyura ahanditse services, ukagana kuri "re-joining school", ubusabe bwe bugasuzumwa agasubizwa binyuze kuri e-mail yanditse mu busabe bwe.

**12. Ese umunyeshuri wiga mu mwaka wa kane cyangwa mu wa gatanu w'inyigisho rusange wifuza gusubira inyuma akiga muri TSS yabyemererwa?**

Umunyeshuri ufite iki kibazo asaba guhabwa ishuri abicishije kuri website ya NESA ari yo www.nesa.gov.rw akanyura ahanditse services, ubusabe bwe bugasuzumwa agasubizwa binyuze kuri e-mail yanditse mu busabe bwe.

**13. Nyuma yo gutangaza amanota y'ibizamini bya Leta, Umubyeyi/ Umunyeshuri asabwa gukora iki?**

1. Umunyeshuri asabwa kumenya ikigo yoherejwemo no kwitegura gutangira ishuri.
2. Kugerera ku ishuri ku gihe cyatangajwe na Minisiteri y'Uburezi yitwaje ibyangombwa bikenewe.
3. Umubyeyi asabwa gushakira umwana ibikoresho by'ishuri no kumufasha kujya ku ishuri ku gihe.

**14. Umuyobozi w'ishuri asabwa iki?**

1. Umuyobozi w'ishuri asabwa gutegura ibyangombwa byose bikenewe kugira ngo yakire abanyeshuri yohererejwe.
2. Kumenya ko abanyeshuri bose yohererejwe bazaza kwiga ku gihe.
3.Gukora "attendance" ya buri munyeshuri muri sisitemu ya SDMS uko amwakiriye no kumenya neza ko ari ku rutonde rw'abo yohererejwe na NESA kandi ko atakoze ubujurire.

4. Guhamagara akoresheje telephone, ababyeyi mu gihe hari abanyeshuri bataziye ku ishuri ku gihe. Nomero z'ababyeyi ziba ziri muri sisitemu (SDMS).

**15. Ese uburyo ibizamini bya Leta bikosorwamo burizewe?**

Yego, gukosora ibizamini bya Leta bikorwa hifashishijwe uburyo bwitwa "conveyor belt marking System" bwatangiye gukoreshwa mu mwaka wa 2008. Ubu buryo bwashyizweho mu rwego rwo kwirinda amakosa yashoboraga gukorwa mu gihe cy'ikosora, aho ikaye yakosorwaga n'umwarimu umwe. Muri ubwo buryo bwa "conveyor belt marking System" ikaye ikosorwa n'abarimu bari hagati ya 5 na 7 b'inararibonye kandi b'inyangamugayo bigisha isomo bakosora. Kuri iryo tsinda, hiyongeraho irindi tsinda ry'abagenzuzi (checkers) bari hagati ya 2 na 3 kuri buri kaye. Abangaba bareba ko ibibazo byose byakosowe, ko amanota ari ku ikaye ari yo yanditswe ahabigenewe, bakareba ko ateranyije neza, kandi bagafungura imyirondoro y'abakandida hanyuma bakandika amanota ku mafishi yabugenewe. Ibyo rero bituma amanota abakandida babonye aba afitiwe ikizere gihagije.

**16. Amanota yandikwa ate mu mashini ? Agenzurwa ate?**

Iyo amanota amaze kwandikwa ku mafishi, ashyikirizwa abayandika mu mashini kuri buri somo. Amanota yanditswe mu mashini yongera kugenzurwa n'irindi tsinda ridafite aho rihuriye n'iryayanditse mu mashini hagereranywa ayari mu mashini n'ayanditse ku mafishi. Ibyo bikorwa hagamijwe gutahura ahaba hari ikosa kugira ngo rikosorwe.

**17. Ese umunyeshuri utishimiye amanota yabonye cyangwa umwanya yahawe ashobora kujurira?**
Yego. Umunyeshuri utishimiye amanota yabonye ashobora kujurira abinyujije ku muyobozi w'ishuri anyuze muri sisitemu ya SDMS kandi hakurikijwe amabwiriza yatanzwe na NESA.

**18. Ibyiciro by'ubujurire byemewe ni ibihe?**
Ubujurire bw'abanyeshuri bwemewe buri mu byiciro bikurikira:
a. Ubujurire ku bijyanye n'amanota.
b. Ubujurire ku bijyanye n'uburyo bashyizwe mu myanya.
c. Ubujurire ku bijyanye n'imyirondoro y'umukandida yanditse nabi.

**19. Ubujurire ku bijyanye n'amanota bukorwa bute? Kandi ryari?**
Umunyeshuri utanyuzwe n'amanota yabonye mu bizamini bya Leta ashobora kujurira mu gihe kitarenze iminsi cumi n'ine (14) uhereye igihe amanota yatangarijwe. Bukorwa hifashishijwa sisitemu ya SDMS butanzwe nyuma y'iyo minsi ntibwakirwa.
**Bivuze ko kujurira bizarangira kuwa kabiri, taliki ya 02/09/2025 saa sita z'ijoro.**

## IBIBAZO N'IBISUBIZO BIJYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA N'ISHYIRWA MU MYANYA RY'ABANYESHURI MU MWAKA WA MBERE N'UWA KANE W'AMASHURI YISUMBUYE (2025-2026)

**20. Kujurira ku bijyanye n'amanota umunyeshuri yabonye bikorwa na nde?**
Ubujurire bwose bujyanye n'amanota bunyuzwa ku muyobozi w'ikigo cy'ishuri umukandida yiyandikishirijemo gukora ibizamini bya Leta. Ubujurire bwose buzanywe kuri NESA n'umunyeshuri cyangwa umubyeyi ntibwakirwa.

**21. Ni izihe nshingano z'umuyobozi w'ishuri mu bijyanye no kujuririra amanota yavuye mu bizamini bya Leta?**
Ku bijyanye no kujurira amanota yavuye mu bizamini bya Leta, umuyobozi w'ishuri yakira ubujurire bw'abakandida biyandikishirije ku kigo ayobora, akabusesengura neza yitonze kugira ngo amenye ishingiro ryabwo, hanyuma agashyikiriza NESA ubujurire bwose bufite ishingiro binyuze muri sisitemu ya SDMS.

**22. Ese iyo Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) cyakiriye ubujurire ku bijyanye n'amanota y'ibizamini bya Leta ibusuzuma ite?**
Iyo NESA imaze kwakira ubujurire kandi ikemeza ko bufite ishingiro, ishyiraho itsinda rishinzwe kugenzura no gukosora impapuro zakoreweho ibizamini bya Leta. Icyakora ishobora kwanga ubujurire ubwo ari bwo bwose mu gihe isesenguye igasanga nta shingiro bufite kandi ikamenyesha ishuri ryatanze ubujurire uwo mwanzuro mu minsi itarenze mirongo itatu (30) ibarwa uhereye ku munsi ubujurire bwakiriweho.

**23. Ese umukandida wajuririye amanota, yemerewe kugera aho abasuzuma ubujurire bwe babikorera?**
Oya. Mu gihe itsinda ryashyizweho na NESA riri mu gikorwa cyo gusuzuma ubujurire bwe cyangwa kongera gukosora impapuro yakoreyeho ibizamini bya Leta, umukandida ntiyemerewe kugera aho icyo gikorwa kirimo kubera.

**24. Ni ryari Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe ibizamini n'Ubugenzuzi bw'amashuri (NESA) gitangaza ibyavuye mu bujurire ku bijyanye n'amanota y'ibizamini bya Leta?**
NESA itanganza ibyavuye mu igenzura cyangwa mu ikosora ryasubiwemo ibinyujije ku ishuri ryayigejejeho ubujurire, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) itangira kubarwa ku munsi yakiriyeho ubujurire bw'abakandida.

**25. Kujurira ishyirwa mu mwanya ry'umunyeshuri bikorwa bite?**
Umunyeshuri watsinze ibizamini bya Leta bisoza amashuri abanza (P6) cyangwa icyiciro rusange (S3) ntiyishimire ishuri yahawe afite uburenganzira bwo gusaba guhabwa undi mwanya kandi akagaragaza irindi shuri yifuza, bigakorwa binyujijwe ku murongo muri sisitemu ya SDMS cyangwa akegera umukozi wa NESA uri ku biro by'Akarere umunyeshuri atuyemo.

**26. Ni ibiki bishingirwaho kugira ngo umunyeshuri ahindurirwe ishuri mu gihe yajuriye?**

Umunyeshuri wemererwa guhindurirwa ikigo ni uwagaragaje byibura imwe mu mpamvu zikurikira:

a. Kuba afite ubumuga (bugaragarira amaso cyangwa bwemejwe na muganga)
b. Kuba afite indwara idakira afitiye ibyangombwa byo kwa muganga
c. Kuba yifuza kwimuka ava mu ishuri ricumbikira abanyeshuri ajya mu ishuri yigamo ataha.
d. Izindi mpamvu NESA yakwemeza ko zifite ishingiro.

**27. Ese umunyenshuri ujuririye umwanya yahawe yemerewe kwisubiraho akajya ku ishuri yari yahawe mbere yo kujurira?**

Umunyeshuri wajuririye umwanya yahawe, ubujurire bwe bukakirwa, ahita atakaza umwanya yari yahawe mbere. Ibi bivuze ko uwo munyeshuri atemerewe kwisubiraho ngo ajye ku ishuri yari yanze. Mbere yo kujurira agomba kubanza kwiyumvisha neza ingaruka zijyana n'uko kujurira.

**28. Ese umunyeshuri wamaze kugera ku ishuri ashobora kujurira?**

Oya. Umunyeshuri wageze ku ishuri yoherejwemo ntabwo yemererwa kujurira kuko aba afite umwanya arimo kandi nta wundi muntu wawuhabwa.

**29. Ese umunyeshuri ujuririye amanota cyangwa umwanya yahabwa igisubizo na NESA akumva kitamunyuze abigenza ate?**

Uwo munyeshuri nta kindi yakorerwa kirenze gusobanurirwa ibyagaragajwe n'igenzura. Igisubizo ahawe na NESA nyuma yo kugenzura ibintu byose ni cyo kiba ari icya nyuma.

## 30. Abakandida batsinze ikizamini cya Leta muri 'P6' na 'S3' umwaka w'amashuri wa 2024/2025, bagahabwa ibigo aho baziga bacumbikirwa ni abafite amanota angahe ku ijana ?

| Icyiciro | Amanota ku ijana % |
|---|---|
| P6 | Abahungu bafite nibura amanota 85.4 |
| | Abakobwa bafite nibura amanota 81.8 |
| S3 | Abahungu bafite nibura amanota 61.0 |
| | Abakobwa bafite nibura amanota 58.3 |